**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF JUSTICE**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINIISITIRI W'UBUTABERA MU NAMA KU KURWANYA RUSWA

**KIGALI 08/12/2018**

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa Polisi y' u Rwanda,

Nyakubahwa Umuvunyi Mukuru,

Nyakubahwa Mushinjacyaha Mukuru,

Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa RGB,

Bayobozi mu nzego zitandukanye muteraniye hano,

Mbanje kubasuhuza,

Igihugu cyacu cyiyemeje kurwanya Ruswa mu nzego zose kuko ruswa ari imungu isenya Igihugu.

Iyo urebye kandi ingamba zafashwe n'Inzego zishinzwe guhangana na Ruswa zaba iza Leta, iza Gisivili n'Imiryango itegamiye kuri Leta ndetse n' Abikorera ku giti

cyabo, usanga bidusaba gukorera hamwe kugirango turebe uko ruswa yarandurwa burundu mu Gihugu cyacu.

Ni muri urwo rwego rero muri iki cyumweru cyahariwe gukumira no kurwanya ruswa gitegurwa n' Urwego rw'Umuvunyi na Polisi y' Igihugu, bafatanyije gutegura iki kiganiro cy'Ingirakamaro gifite insanganyamatsiko igira iti: "**GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA MU MITANGIRE YA SERIVISI**" kuko ruswa igira ingaruka ku mutekano n' Ubutabera ndetse ikaba n'imbogamizi ikomeye mu miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi.

Byaragaragaye ko nta gihugu kirangwamo ruswa gishobora gutera imbere, cyangwa kugira ubuyobozi abaturage bibonamo bagafatanya nabwo mu mirimo bushinzwe.

Kurwanya ruswa ntabwo ari amahitamo ahubwo ni inshingano ifitanye isano ikomeye na politiki. Igihugu kigomba kwiyemeza gushyira mu bikorwa, gihereye ku bayobozi bacyo, guhera ku nzego nkuru kugeza kuza hasi.

Ahari ruswa abaturage baba batishimiye ubuyobozi n'ubuyobozi buba butitaye ku baturage. Ibi biterwa nuko hari bamwe batuzuza inshiingano zabo uko bikwiye, ahubwo ugasanga ibyakagiriye akamaro Igihugu n'abaturage bijya mu maboko y'abantu hashingiwe ku nyungu zabo bwite, isano y'abaturage n'abayobozi yo kubazwa ibyo ubuyobozi bukora (Accountability) iburizwamo.

Ni muri urwo rwego rero nagirango mbasabe mwese uko duteraniye hano, gufatanya tugasenyera umugozi umwe mugukumira no kurwanya ruswa, kuko tunabifiye ubushobozi, nkuko n'Umukuru w'Igihugu cyacu ahora abidukangurira anabituberamo intangarugero.

Kwanga, gukumira no kurwanya ruswa kugira ngo bigire umusaruro urambye bigomba kuba umuco. Mucyo rero dukomeze urugamba tutaruhuka kugeza bibaye umuco.

Ikindi kigomba kuba umuco ni uguhana abishoye muri ruswa ku buryo abandi bayitinya. Urugendo rwo kurwanya ruswa tuzarutsinda, nta kabuza, ariko bikwiye kumvikana ko tutazarutsinda twicaye, tuzarutsinda kubera kuyanga, kuyikumira no guhana abayishoramo ku buryo uwahanwe abamuzi n'abamukomokaho ntawe uzatinyuka ruswa.

Nagirango nsoze nshimira igitekerezo cyiza cyagizwe n'Urwego rw'Umuvunyi na Polisi y'u Rwanda mugutegura ibi biganiro bigamije guhora bitwibutsa inshingano zacu twese kandi mbashimira kuba mwitabiriye iyi nama, ndetse mbifuriza ibiganiro byiza kandi bigomba gutanga umusaruro Igihugu cyacu kidutezeho.

Murakoze.

---